

0190

Identification : C. 56/K95 0190 02/04/94.

K0210961

Duration : 60 min.

Quality : good.

Transmission : RTL.M.

Name of transcriber : Gatimbiro Uwera Olga.

Date of transcription : 9/5/2000.

Name of file : 0190.

Dictaphone : Express Write Model 250-65n516525.

Cassette n° 0190 transcribe par OL 1

*[Handwritten signature]*

**RESUME DE LA CASSETTE N°0190.**

K0210962

**FACE A.**

\* Kantano nous parle de l'insécurité qui règne dans Kigali ville. Et plus précisément chez Agathe UWILINGIYIMANA, Joseph KAVARUGANDA, Thomas KABONABAKE, Frédéric RWEMARIKA etc...

\* Communiqués.

\* KAVARUGANDA est menacé par la garde présidentielle et par monsieur KAYONDE Enock.

**FACE B.**

\* On accuse monsieur MULHIRA Eugène qui travaille au CCDFP et le FPR de vouloir tuer monsieur Thomas KABONABAKE.

\* BIKINDI Simon est aussi menacé.

\* Lamentations sur l'insécurité qui règne dans la ville.

\* Communiqués.

Orateur : HABIMANA Kantano,

... abumva Radiyo yigenga RTLM mwese turabashuhuje mukomere, mukomere, mwaramutse mute aho iwanyu? Umutekano wifashe gute aho iwanyu? Hum, hano i Kigali rero na ho twaramutse ariko rero, hum ! I Kigali ntabwo bwikera neza, cyane cyane muri iyi minsi, muri iyi minsi rwose wagira ngo hatewe na shitani, abicanyi bamaze kuba ishyano ryose. Hari umuntu umbwiye ati “nyuze hariya ku muhanda munini, munini uwo bita Poids lourds, hasi ku kimi... ku Kimihurura, ni uriya muhanda wo hasi ku Kinamba” ati “ni uko tuhasanga umurambo w’umuntu” ati “kandi no ku Kicukiro hagomba kuba na none hakomerekeye abantu”.

Ubwo rero murumva y’uko umutekano ari muke muri Kigali, ku buryo uyu munsu uyu munsu uwo mutekano niwo tureba, ni wo tureba uko wifashe, turareba umutekano uko wifashe muri Kigali, cyane cyane uko abantu babi... umutekano ku bantu, umutekano ku bintu ariko rero ku bantu na none turagenda tureba uko bimeze. Turareba umutekano muke kwa Madame UWILINGIYIMANA Agata, Ministre w’Intebe wa Guverinoma yaheze mu cyuho, turareba umutekano muke kwa Bwana KAVARUGANDA Yosefu, Bwana KAVARUGANDA Yosefu i... igikomangoma, Président w’Urukiko rw’i... Rusesa imanza, turareba umutekano muke kwa Bwana KABONABAKE Thomas, Thomas ku Kicukiro, turareba umutekano muke ku munyamakuru wo muri Télévision y’u Rwanda witwa... witwa RWEMARIKA Frederiko, aho ni ku Gitega, turareba umutekano muke muri... muri Segiteri... muri segiteri Kimihurura, urebwa ni Bwana GATABAZI aho ngaho mu Rugando, turareba umutekano muke mu ndaya z’i Matimba, turareba umutekano muke ku barara ironde mu Nyakabanda, hanyuma turanyarukira no muri Komine Karago na ho hari umuntu uvuga ati “nyabuneka nimuntabare nanjye ndarenganye”. Hari n’abandi benshi umutekano muke umeze nabi, ariko rero mbese muri make abo bantu bose turagenda tureba umutekano wabo muke uko wifashe.

Eh... Madame UWILINGIYIMANA Agata arateza ubwega ngo yabonye umuntu ufite icyuma hum, ni bwo bwa mbere abona umuntu ufite intwaro ahari, kujya gusura Madame UWILINGIYIMANA Agata, ni ukurinda gusakwa mpaka no kureba ku cyo umuntu yamba... yambariyeho! Ni akumiro! icyizera... icyizere ni gike.

**Cassette n° 0190 transcribe par OL 2**

Turareba uko ibintu bimeze, hanyuma rero turabagezaho amatangazo yanyu, turabagezaho ubutumwa bwanyu, hanyuma, mu gihe tugitegereje gukora amakarita y'abantu basaba indirimbo turabaha ka lift, ka lift ni ukuvuga abantu basabira abandi uturirimbo barabamenyesha ko bari mu biruhuko, barabamenyesha utuntu n'utundi. Abo ndetse ni bo mu kanya tuza guheraho. Muri iki gitondo rero kuva nonaha saa kumi n'ebyi...

### 3.2

hum ! Saa mbiri kugeza saa sita muri kumwe na HABIMANA Kantano kuri micro hanyuma ha... ha... ubwo rero ni njye twirirwa tunganira kugeza saa sita z'amanya, hanyuma NTEZIMANA Jean ari kuri technique, ari kuri technique hanyuma huum ! Secrétaire wacu na we Agnès arabategereje kugira ngo muzane amatangazo menshi, menshi, ubutumwa bwanyu hanyuma tubatumikire kano kanya, arabategereje hano, yakeye, yaryoshye, hanyuma "abasekirite" bacu na bo barahari kugira ngo bajye babereka aho munyura hatagira ubahutaza, hatagira ubahutaza. Birumvikana ntabwo ari bo babahutaza, hum, ahubwo barabereka bati nyura aha, ntutsitare, nyura muri iyi escalier, dore aho batangira amatangazo, wowe uzanywe n'iki, mu kinyabupfura cyinshi cyane.

Hano rero kuri Radiyo RTLM ivugira i Kigali aho dutuye, aho dutuye ubu ni... hafi ya Banque de Kigali, hafi ya Banque de Kigali ukase gato imbere ya Présidence uvuye ku bitaro, ni umuhanda gusa ukomeza gutyo, ni hafi yo kwa mukeba Radiyo Rwanda.

Ubwo rero mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira hano i Kigali, abatwumva mwese mwese, abadukunda tutabazi, hum, natwe turabakunda kurusha, abadukunda tubazi byo ni ubunani, hanyuma abatwanga tutabazi, twebwe turabasabira, turabasabira ku Mana kugira ngo yenda iyo mukushi izabave ku mutima, kuko muri make turabona batwangira ubusa.

Mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali, ubu ni saa mbiri, saa mbiri n'iminota cumi saa mbiri n'iminota cumi n'itatu muri sitidiyo za Radiyo yigenga RTLM ivugira hano i Kigali. Ni itariki ebyiri ni itariki ebyeri ni ku wa gatandatu itariki ebyeri z'ukwezi kwa kane mu

gihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, hum. Hanyuma rero mwese mwese turabasuhuza, hinga dutangirire kuri iyi ndirimbo.

... abatwumva mwese mwese mwese, abatwumva mwese, aho mutwumvira hose, mukomere turabasuhuza, turabifuriza weekend nziza, umunsi mwiza mwese abumva Radiyo yigenga RTLM.

Muri kino gitondo rero hari abantu bageragaje, bagize amahirwe yo kutwandikira none tukaba tugira ngo tubatumikire kubera y'uko na bo hari abantu basuhuza. Hari UMUTESI Chantal uri i Kigali, we aravuga ati "ncuti yacu munyamaku... munyamakuru wa RTLM, mbere na mbere tubanje kubasuhuza", hum, "tubanje kuba... kubasuhuza ariko tubabaza tuti ese abatsinze irushanwa ry'ibidukikije bigeze he" ? Mu by'ukuri nababwiye y'uko biri hafi, biri hafi rwose ndumva bitazarenza ku wa kabiri mutaramenya abatsinze, hanyuma noneho abahembwa mukazafata ibihembo byanyu, ni bihembo bishimishije. Abagize amahirwe rero bazabifata, hanyuma n'abakora irushanwa rya Kangura namwe mugire vuba, mugire vuba. Hari ababaza bati "ese tuzategereza ko tubona Kangura eshatu", haa, ndakeka y'uko ibyo ari byo byose

6.6

kugura Kangura eshatu ni ukongera amahirwe, ni ukongera amahirwe kuko icyo gihe e... uba ushubije ibintu gatatu, ushobora rero kubona amahirwe kurushaho. Ee... cyangwa se wowe ukisubiriza, ugaha umugore na we agasubiza mw'izina rye, nyuma ugaha umwana agasubiza, noneho ubwo ngubwo amahirwe akaba atashye mu rugo ari menshi yo kubona ibihembo.

Hanyuma rero UMUTESI Chantal wowe uravuga uti... uti waravuze ngo "hari aba... hari ababandikira babashima gusa" uti "rwose reka babashime muba mwakoze neza, none se babagaya muvugisha ukuri ? Uvuga ukuri buri gihe kuko dutega amatwi cyane RTLM, ubwo rero ntabwo uvuga ukuri dushobora kumugaya kuko ibintu byinshi mujya muvuga tujya tubibona". Ati "rero noneho untore akaririmbo, akaziki rwose", ati "ko ku muziki mwaratinze" ati "muntore ka "Kalayi Boeing" cyangwa ka "Papa Plus", ati "rwose" ati "ako mubona muri izo ngizo mukantore", ati "ndagatura "abajene" bese b'a... b'abayenshuli bari mu biruhuko, cyane cyane ababa muri home des jeunes filles yo mu Rugunga", ati "mukomeze muryoherwe na ambiance".

MUTORWA, MUTORWA Marie-Claire wo muri Groupe scolaire zairois de Gikondo, huum, ati “rwose ndagusaba indirimbo “Papa plus” nkayitura aba bakurikira : Mama uri ku Muhima, UMULISA Alphonsine, FAYIDA Justine, e... MBULANGA Justin, MUTUNGIREHE Olivier, KANSOKI Sandrine wo muri Groupe scolaire zairois, MACOZI Solange, GAHIGI Hubert haaa GAHIGI Hubert agomba kuba ari umuhi... ari u... ari umuhungu wa GAHIGI Gaspard (rire), NDAGIJIMANA Froduard, hum, hanyuma na NIYIBIZI Hamida”. Abo bose uti “ndabasuhuza. Nitwa MUTORWA Marie-Claire”.

MACOZI Solange na we wo muri Groupe scolaire zairois, za... école... hum! Groupe scolaire zairois hariya i Gikondo, na we aravuga ati “nyituye ababyeyi banjye bari i Gikondo, abanyamakuru ba RTL M bose”, murakoze. Mu... mu... MUTANA Marie-Claire, huum! (rire) MUTAMA Marie-Claire alias Kantano, GAHIGI Hubert, MUSHIMIYIMANA alias NKOMATI’ ayayaya! Huum! KASAKI Sandrine, NYIRASINAMENYE Anisie, MUKAMUSONI Hortense, bakuru banjye bose, hanyuma BYAMUNGU MUGANGA, SEBAHAKWA Nadine, KABERA MANGAZA n’abandi bose”, huum! Nanjye nshuhuje Habiba, Habiba na we yiga muri a... ee... école... muri Groupe scolaire zairois i Gikondo, amakuru ki ? Henga nsuhuze abakinnyi ba Kiyovu, abakinnyi ba Kiyovu (rire), abakinnyi ba Kiyovu bose baraye muri... baraye bakoreye local i Matimba, na ka Miitzig bavuga bati STIR ntabwo iduhagarara imbere uyu muni, bati “ntacyo buriya turayi... turayirya nubwo twaba twanyweye ka Miitzig (rire).

Nsuhuze SAFARI Ernest, SAFARI Ernest wo kuri Station y’i Shyorongi i Kigali, hnun, bose... hnun, n’ab’i Shyorongi bose baravuga bati “dukunda Radiyo RTL M”. Mwese rero abadukunda tutabazi, mukomere cyane natwe turabakunda, turabakunda rwose muhorane amahoro n’amahirwe.

10.0

Undi wasabye akaririmbo ni uwitwa MUKAMUSONI Hortense kuri iyi weekend, MUKAMUSONI Hortense arayisabira Mairaine utuye i Kayove, HUM..., NYIRANKEZABO Adela n’umuryango we wose, abanyeshuli bo mu... bo ku Nyundo, cyane cyane CYIZA Natacha,

**Cassette n° 0190 transcribe par OL 5**

ababyeyi be batuye i Gikondo, icyana, icyana Nyirishema Sipriyani wiga muri... uri muri campus y'i Mburabuturo, NYIRASINAMENYE Aniziya ee... na nyirakuru uri i lubu... i Lubumbashi, MACOZI Solange wiga muri Ecole zairoise, BABONANGENDA Izabela, TABU Elianne yiga muri Ecole zairoise, n'UMULISA Delphine n'icyana cye KABILIGI, hum, utwana two mu rugo: Mireille, Odette, René, Patrick, Serge, abo bose rero mukomere mugire weekend nziza.

Undi wasabye akaririmbo rwose ni uwitwa HABUKUBAHO Gilbert wo muri ETL i Gikondo, hum, muri ETL i Gikondo, we akavuga ati "nyituye abanyamakuru bose", ati ariko muyinturire na mama NIYIBIZI Mélanie na bashiki banjye bose, murumuna wanjye NSHIMIYIMANA Albert, data wacu NSANZABALINDA Denis uri i Remera ya Kigali, umuryango wa ma... wa MAJORO twa... ee... wa major TWAMBAZE Aloys uri ku Muhima, NTAHOMVUKIYE Jean d'Amour uri i Cyangugu, BASABOSE... BASABOSE Cléophas uri mu Ruhengeri na NDAYAMBAJE Albert uri i Kigali.

Hanyuma undi na we ufite amahirwe muri iki gitondo ni TUYISENGE Jean-Pierre, TUYISENGE Jean-Pierre na NDAHAYO Théoneste, ariko bo ni agahinda bafite baravuga bati "abaminuware" baradufashe kandi bavuga ngo dufite grenade kandi nta zo babonye.

Ahubwo nsuhuza BIGUMA Jean-Baptiste wo muri... wo mu Ruhengeri, BIGUMA Jean-Baptiste, ayayaya! We aravuga ati yanditse mu cyongeleza, yanditse mu cyongeleza a... adusuhuza asuhuza abakozi ba RTLM. Ah! Thank you mister BIGUMA, thank you, uhum !

Undi ni nde ? Undi ni wiha... uwihanga... WIHANGANE Anselme wo mu Rwunge rw'amashuri i Rambura, deuxième biochimie, akaba ari mu biruhuko hano i Kigali. Aravuga ati "Kantano amakuru yawe ? Ubu natwe turaho, ibiruhuko biragenda neza, kandi nawe ndakeka ko akazi kagenda neza. Uretse bariya bategetsi bakomeje kuduheza mu gihirahiro cyane cyane uriya Mudamu Agata wigize indakoreka, ariko ni ugukomeza tukagerageza nubwo twe nta kintu twabikoraho, tubahanze amaso aho tutari murahatubereye.

Rero ikitenye ku kwandikira RTLM... kwandikira RTLM cya... cyane, hum, ni uko tuyikunda

cyanee...! No kugira ngo rero mbashime kuko mutugezaho amakuru meza. Maze rero mumbabarire munturire iyi ndirimbo TWAGIRAYEZU Emmanuel wo muri Komine Karago, RUKEBESHA Pierre wo muri Komine Karago, NISINGIZWE Claude... Claudel wo muri... wo

12.9

mu vacances i Kigali, sibosi... SIBOSIKO Denis, NDAYISHIMIYE Aroni, NIYONZIMA Jean, SERUGANGO Jean-Claude wo muri Komine Mukingo, hanyuma n'abanyeshuli bo muri deuxième biochimie muri... i muri... Rambura, bese bese bese mbatuye iyo ndirimbo, mukomere rero.

Hinga iyi ndirimbo nyiture, nyiture, hum, n'uyu mushoferi, umushoferi utwara taxi DB zero karindwi mirongo ine na gatanu, miro... nako mirongo ine na... ee... mirongo ine na gatanu, DB zeru karindwi mirongo ine na gatanu, hum, afite kigingi sinamwita kigingi rero ngo ni convoyeur witwa Jordan hein, witwa Jordan yiyogoshesheje hose ashigaje icyanwa gusa. Ngo arimwo aragenda ahamagara "abakliya", gusa namubwiye yuko ingorane afite ni uko imodoka ye, imodoka taxi ye ntabwo igira radiyo, ntabwo igira radiyo, rwose radiyo ko idahenda kuki mudashyiramo amaradiyo ngo abantu bagende biyumvira RTLM, biyumvire amaradiyo bumve uko ibintu bimeze, hein, inkuru zishyushye?

Hanyuma nyiture rero n'abaduhaye pasika, bahaye abakozi ba RTLM bese pasika mwese muzagire Pasika nziza. Hanyuma hari n'abadutumira, hum, nka GAHAMBUGA Innocent, GAHAMBUGA Innocent utuye ku Kicukiro, ubwo rero mwese musa... hafi yo kwa Charlotte, Charlotte, GAHARAMBUGA Innocenti mwese mukomere, muri iki gitondo RTLM irabashuhije. Hinga tubarebere akaririmbo keza mbere y'uko tureba iby'umutekano.

Iby'umutekano iwacu, iby'umutekano iwacu, turebe umutekano wa Bwana KAVARUGANDA Yozefu uko wifashe, nk'uko byasohotse mu kinyamakuru Isibo, hanyuma turareba umutekano wa Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Madamu UWILINGIYIMANA Agata usigaye ubona ibyuma byo... ibyuma byo muri... byo mu gikoni akavuzza induru, sinzi noneho niba azashobora kujya ajya muri za banquets, kuko haba hari ibyuma byinshi byinshi, niba rero atinya ibyuma...

**Cassette n° 0190 transcribe par OL 7**



icyuma cyo muri cuisine ngo ni uko akibonanye “umusederi”, ngo ubwo igihugu gicitse umugongo ngo barashaka kumugandagura. Turaza kureba n’icyo abo bantu bafitiye ubwoba n’icyo batinya, hum.

Turareba umutekano muke kwa KABONABAKE Thomas, umunyamakuru, turareba umutekano muke ku munyamakuru wacu RWEMARIKA Frederiko ee..., umunyamakuru wo kwa mukeba, RWEMARIKA Frederiko ukora kuri Télévision akaba atuye mu Gitega.

Hanyuma... muri Segiteri Kimihurura ho byifashe bite ? Indaya z’i Matimba na zo zirataka ziti “baradufata ku ngufu”, ati “ibi ni iki, hum ko tuba twaje guhaha agafaranga”. Abarara ironde rero bo mu Nyakabanda na bo baraye bambuye umugabo witwa KAYIBANDA, hein, akaba bamwambuye udufaranga magana abiri kandi ari umukarani ! Ati “abo bantu ko bavuga ngo barara ironde, kugira ngo bacurike abantu ni ukubera iki”? Ayayaya!

Mbere yo kubigarukaho ariko hari umuntu twari twibagiwe, hari umuntu twari twibagiwe witwa MUSABYIMANA Emmanuel, akaba ari umukozi wa hano, sécurité wacu rero akaba ejo yara...

16.0

yaragiye gusezerana n’umugore we, witwa UMURERWA Solange, hein, i Gatonde, uhum, i Gatonde muri Segiteri Gahanga Selile Buhorabuye. Aho rero nyine ni ho basezeraniye, ubwo uyu muni mu gitondo ubu barimo bararya pasika umwe yizeye undi ati ni byo, nahoze ngira ngo urambeshya ntutuzaca mu rukiko, none twahaciye rero ubwo icyizere cyabaye cyose. Hum, twararebanye dusanga dushobora kubana. Natwe rero turabifuriza kubana neza, kubana neza, ubwo ababyeyi babo GATABAZIYOzefu, RIBERAKURORA Yuvenali, barimo bareba i... barebye ibirori by’abana babo, tubifurije rero y’uko mwanezerwa hanyuma noneho mukanywa akagwa, mugasoma ku kagwa n’umunezero mwinshi, mwese rero muzagire Pasika nziza. Henga tubanze tubature umuziki mbere y’uko tureba iby’umutekano muri uyu mugwi wa Kigali.

... ivugira hano i Kigali. Abatwumva mwese mwese, aho muri hose, aho muri hose ari muri Kigali

-Ngali, ari Gitarama, i Butare, Gikongoro, Cyangugu aho mwaramutse mute? Ku Kibuye, Gisenyi aho ngaho? Hano hari amakuru yo ku Gisenyi mfite n'inama zibera muri Méridien mu kanya ndabibagezaho, mwaramutse mute aho ngaho mu Ruhengeri ? Mukomere, mwaramute mute aho i Byumba ? Mwaramutse mute aho i Kibungo?

Hano mu muji rero muri Kigali y'umuji ho umutekano mu by'ukuri ntabwo ari mwiza, w'abantu ku giti cyabo, abantu bose baravuga bati "turaryama, turaryama ariko ntabwo dusinzira", bati "ni ukubona umuntu aramuka ariko umuntu ntavuga ati yenda buracya nta kintu gituritse, nta sasurungazeho cyangwa se batansenyeye inzu". Ni akaga rero! Ariko ibyo byose bikaba ari ingaruka z'intambara y'Inkotanyi, ikaba ari ingaruka zo kudashyiraho Inzego z'Inzibacyuho yaguye ngo zijyeho umuntu amenye uwo ajya kuregera n'uwo aregaho. Ibyo rero byose, ako kaduruvayo ariko na none kakaba ari ako kurwanira ubutegetsu muri rusange.

Madamu UWILINGIYIMANA Agata rero, amereye ate Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'ii... wa Guverinoma yaheze mu cyuho? Madamu UWILINGIYIMANA rero Agata na we afite ubwoba, afite ubwoba aravuga ati ntabwo nanjye, ntabwo nsinzira nubwo ndizwe na MINUAR n'ibiki, ntabwo nsizira, dore noneho asigaye yikanga ibyuma, asigaye yikanga ibyuma. Mu by'ukuri abumvise itangazo ryahise kuri Radiyo Rwanda, abantu barumiwe bavuga bati mwokagira Imana mwe, se hein! Ikintu cy'icyuma bataranakora na enquête ngo bamenye icyo cyarikigenewe n'icyo kigomba gukora, barahita batangaza kuri Radiyo ngo bafashe icyuma! Hum! Iyo baza kubona imbunda se bwo, umuntu ko muri iki gihe nta wamenya uko bigenda, ibyo ari byo byose iyo umuntu

19.0

atumwe mu biro bya Madamu UWILINGIYIMANA Agata, iyo ahavuye arataha cyangwa se akaba yanatinda no mu kabari, birumvikana rero y'uko abadafite uburyo bwo kubona MINUAR zitugenda inyuma n'Ababiligi n'iki, nk'aho twabayeho Fabiola! Twebwe rero tugenda umuntu yihagazeho afite nk'agahiri, afite nk'agahoro, afite mbese akandi kantu kose yakwirenzeza mu gihe cyane cyane aba azi ko ashakwa.

Ejobundi re... ejo rero umugabo MISAGO uba mu... mu ishyaka, ukomeye mw'ishyaka CDR bari bagiranye... bagombaga kugirana inama na Madame UWILINGIYIMANA, hum, Agata nk'uko yabisobanuye, bagombaga kugira... RUTEGESHA rero yagombaga kugira inama na Madamu UWILINGIYIMANA Agata kugira ngo barebe, basuzume ikibazo cy'ishyaka CDR, Madamu UWILINGIYIMANA Agata yahejeje mu gihirahiro. Noneho avuye ahantu afata akuma ke, ni uko agashyira ahantu mu isakoshi, aba aragiye. Hanyuma noneho abantu rero ba... kubera ko umuntu iteka wakoze icyaha, umuntu iteka wakoze icyaha ufite i... ukuntu yumva mu mutima hameze nyine hari icyo hamu... hamukaragata, no mu mutwe hamukaragata, nyine iteka aba avuga ati abantu ee... bazamerera nabi, ni uko noneho bati "hinga turebe mu isakoshi. Na none gutumira umuntu w'umunyacyubahiro ukabanza kumukuramo inkweto, ukabanza ku mu... ku... ku... kureba icyo yambariyeho na byo nta cyizere kirimo, kuko ndakeka ko na Madame UWILINGIYIMANA Agata agiye ahantu bakabimukora ndumva ata... atakumva yishimye.

Ni uko rero umunyacyubahiro wa CDR baba baramusatse, ibintu byose babiterera hanze, bati "aaah! Tubonye icyuma", bati "nta kundi", ibintu biracitse, "cyari icyo gutera Madame UWILINGIYIMANA Agata", ibintu birakomeye, ni uko.

Ndakeka y'uko rero ubwo buryo bwo gukomeza gushakashaka uburyo bwose ee... mu gihe Madame UWILINGIYIMANA Agata yari amaze kuvuga ngo CDR, ngo "ni ishyaka rya ryatsembatsembye", akongera akabisubiramo kuri Radiyo Rwanda, ibyo rero byatumye nta gihamya nta ki, byatumye nyine akomeza gushakisha uburyo bwose yakwima CDR umwanya wayo mu Nteko Ishinga Amategeko, cyane cyane agira ngo avuge ati koko CDR ni abicanyi dore nabafatanye ibyuma, dore byagenze gutya na gutya, n'ibiki byose.

Ubwo rero ndakeka y'uko guteza kujya kuvuza iya BAHANDA ngo ubonye... ngo ubonye icyuma, hum ! Ntabwo ari n'icyuma automatique kisimbukisha, nta ki, ngo ni igitangaza ngo kuba kibonanywe umuntu wa CDR, ngo ubwo ni akaga. None se iyo aza kuva mu biro, ibyo ari byo byose yari kugenda mu muhanda nta MINUAR bafite ibaherekeza, nta bajandarume birirwa birukanka inyuma y'abantu nkaho bo atari Abanyarwanda, ubwo rero urumva ko we yari

21.6

kwitabaza ako kuma ke cyangwa se akagahatisha n'amacunga aho yari kugera agira ngo ee... ibyo ari byo byose ibyo nta kintu mbona njye ku giti cyanjye byari bikomeyeho kuko icyuma... cyangwa muri iki gihe ibyari byo byose umuntu agendana akantu. Ntabwo rero bagutumiye ku buryo bwihutirwa ako kantu wakajyana ukakereka abantu, aah, n'abaturage bajya bagendana n'umuhoro ku manwa ariko akazirikaho icyatsi, umenya ari uko hari hatari haziritseho... hatari haziritseho nk'ikirere mu bugi ahari ni cyo cyateye ubwoba abakozi ba Madame UWILINGIYIMANA Agata na Madame UWILINGIYIMANA Agata ubwe, ariko rero muri ibi bihe nta wuyobewe ko umuntu yitwaza akantu, ntabwo rero umuntu ubonanye akantu wese, uretse n'icyuma hari n'abantu bi... bafite imbunda, ntabwo rero wahita uvuga ngo hoo ngo ubwo mubonanye imbunda ngo yari aje kundasa. Reka da! Ni ako umuntu agenda areba ko byibuze n'uwamwica yapfakumukomeretsaho gato, ariko yenda ahari bakazakurikirana ubusembwa, dore ko enquête bavuga ngo nta cyo zifata, nta ki, ariko umuntu wamukomerekeje byibuze abantu bavuga bati dore amaraso, basi ugapfa ariko bakazakurikirana uwo muntu.

Mu y'ukuri rero muri iki gihe nta... ntibagakabye, nta wukigenda imboko mboko. Ubwo rero kubona umuntu afite icyuma kuko yakijyanye ngo muri Primature si igitangaza, ushobora kukijyana uti dore icyuma mukibike aho hirya hanyuma njye kubonana n'uwo tubonana, nyuma munsubize icyuma cyanjye aho nyura yenda hari amabandi hanyuma noneho icyo cyuma nkijyane.

Mu by'ukuri rero biriya bintu byo guhita ukora amatangazo ugashyira kuri Radiyo Rwanda nta enquête, ibyo buriya bigamije kirumvikana ni ukugira ngo CDR bakomeze bayisige icyaha, ni muri urwo rwego Nyakwigendera KATUMBA yapfuye abantu birutse mu isoko bati "CDR irimo irambara", abantu bamwe bagata ibyabo, amatagisi ntakore ni muri urwo rwego ndetse n'abantu bishe KATUMBA, kuko baravugaga bati uriya Musederi ukomeye abantu bazi, urubiruko ruzi mu Basederi, n'apfa nta kundi barahita bajya mu mihanda abantu ba... ba... bagirirwe nabi noneho bavuge bati, voilà, dore rya shyaka CDR nta... nta kuntu rishobora kujya mu... mu Nzego z'Inzibacyuho yaguye. Ndukeka y'uko amayeri y'abantu iteka abantu barayavumbura, ntihakagire umuntu ukeka y'uko ari we uzi ubwenge kurusha abandi.

Gusa igiteye isoni, ni ukubona nko mu... mu buyobozi bukuru nka buriya, ahantu hahagarariye igihugu nka hariya, mu... nko... ahantu rwose hari Ministre w'Intebe hava itangazo nka ririya ryo kuvuga ngo babonye icyuma! Icyuma iki cyuma gisanzwe! Hum! Ntabwo ari n'icyuma gifite écran d'arrêt, ntabwo ari icyuma gifite iki, icyuma gisanzwe iki batemesha ii...

24.3

batemesha ibintu ngo ba... ngo ibintu byacitse, nyamara yashoboraga no kuhajya afite imbunda akayereka abakozi b'a... b'Agata ati dore ibyo mfite, mumbikire ibi bintu hano. Agata rero nti yari kuvuga ngo aaah, ngo mbonye imbunda ngo ibintu birakomeye, ngo iki.

Abo bantu rero iteka bafite ee... conscience chargée, ni uko bagomba kuba bafite ikintu na bo bikeka ko babaziza atari ukubera imyanya gusa, ariko cyane cyane birimwo ibintu by'ubugambanyi.

Uwitwa rero KAVARUGANDA Yozefu ee... Président w'Urukiko Rusesa Imanza na we atangiye kugira ubwoba bw'ubugambanyi bwe. Hum! Abagambanyi ni cyo cyabahima, bajye bahorana ubwoba kuko baba bagambaniye rubanda. KAVARUGANDA Yozefu rero mw'Isibo ijana na... makumyabiri na gatandatu yasohotse ejo, yasohotse ejo, arashyiramo ibaruwa yandikiye Président wa Repubulika, Président wa Repubulika ee... n'ubwoba bwinshi ngo hari abantu bashaka kumwica. KAVARUGANDA birumvikana nyuma y'aho ageragereje gu... gukora coup d'état constitutionnel bikamunanira hein, birumvikana yuko arimo yibaza ati ibintu bimeze bite? Dore itariki makumyabiri n'eshatu iyo baruwa ni bwo yayanditse, ateza ubwega ngo "abakozi bo muri Présidence" ngo "bagiye kumwica". Yee, ku numero ya mbere kuri iyo baruwa, aravugaga ngo "itariki cumi n'icyenda z'ukwa gatatu mirongo icyenda na kane, ngo "hari umuntu waje hafi y'ibiro bye", ngo "abwira abamurinda" ati ko muri... ee... ngo... noneho abwira abamu... abarinda ngo KAVARUGANDA ngo aramubwira ngo ati... ati "ko murinze Inyenzi KAVARUGANDA kandi" ngo "abazamwica barateguwe". Ni mwumve nawe ibya KAVARUGANDA! Abantu bajya kumwica bakabanza kujya kubwira abamurinda?

Icy a kabiri rero na ho, hari aho avuga ngo “ku itariki makumyabiri na kabiri z’ukwa gatatu mirongo icyenda na kane”, ngo “saa mbiri n’igice” ngo “babajije umukozi we” ngo “niba KAVARUGANDA” ngo “yitwaye”, ngo “yasohotse yitwaye” ngo “cyangwa atitwaye”. Ngo “noneho umukozi ashubije ko atabizi” ngo “abajandarume” ngo “bahitamo kujya kwinywera” ngo “akayoga” ngo “mu kabari kari hafi aho”. Hein! Mu by’ukuri rero sinzi y’uko ee... aho rero ngo arabaza Président wa Repubulika ngo ayo matsiko ngo y’abo bajandarume ni e... ni ayiki. Nkaho Président wa Repubulika ari we watumye abo bajandarume. Ariko KAVARUGANDA na we (aseka) ni umuti w’amenyo! Kubera umushiha sinzi ko KAVARUGANDA ahari agira n’umushoferi.

Icy a gatatu, ngo ku itariki ya mbere ze... ngo... ngo ku wa mbere itariki makumyabiri n’imwe z’ukwa gatatu mirongo cyenda na kane ngo saa kumi n’imwe n’igice, ngo abasirikare babiri mu barinda “Prezida” ngo bagiye... ee... ngo bagiye hafi y’urukiko rwe, KARAVUGANDA Urukiko Rusesa Imanza yarugize urwe, nta n’ubwo ikiri n’inzu ya Leta, noneho KAVARUGANDA yongeramo ngo “heureusement que je venais de quitter les bureaux avec ma garde”. Ngo noneho rero abo ba... abo basirikare, abajeppe ba... barinda Présidence ngo bazenguruka Cour de cassation

26.9

ngo noneho ngo umunyezamu avamo, ngo umwe ngo ahita yigira... yi... yegera e... ngo... ngo ahita yegera ngo umwe muri abo basirikare, ngo noneho ngo uwo musirikare, uwo mujepe ngo ahita yigira ngo ku i... ngo yisubirira ku izamu kuri Présidence. Ngo none ngo Président ngo ibyo ni iki ? (rire)

Hah! (Aseka) KAVARUGANDA na none arasetse! Ngo bazengurutse Urukiko nijoro, ngo bambaye uniforme. Ubwo se bagira ngo bamwice nijoro? Ko amadosiye KAVARUGANDA akiza n’ayo azambya aba yabirangije kare yigiriye gusura amazu ye menshi yubakisha hano mu muji hirya no hino! Ko akorera mu nzu se publique ubundi inzu ya rubanda, uwayizenguruka ku manywa, KAVARUGANDA yamutwara iki ? Keretse rero niba koko yarahahinduye iwe dore ko

ahamaze igihe kirekire yicara ku ntebe ngo z'Umwami RUDAHIGWA.

Ku cya kane rero. Aho yubaka ku Kimihurura ya gatatu, ngo nta musirikare ugomba kunyura hafi yaho. Ngo kuko hari uwahayuze ngo... ngo aganiriza abakozi be, ngo rwose ngo iryo ni ishyano, ngo ni ikosa agomba kugeza kuri Président.

Ku ngingo ya gatanu y'ibaruwa ya KAVARUGANDA, ngo igihe abayoboke b'ishyaka CDR bafungaga kuri makumyabiri na ka... ee... bajyaga kuri makumyabiri na rimwe z'ukwa kabiri mirongo cyenda na kane bagiye gufunga MINAFFET baka impapuro zo gusinya, ngo abayoboke ba CDR ngo bibye amadosiye mu biro bya KAVARUGANDA, ngo biba n'agrafeuse. Aah ! Ni akumiro! Nagatangaye, ahubwo noneho ubwo yemeye ko impapuro za CDR akizifite mu biro bye, hum, nazitange atazarinda no kuvuga ko bazibye.

Ku cya munani rero noneho ku ngingo ya munani KAVARUGANDA na none hari aho ateza ubwega avuga ngo... a... araregera Président wa Repubulika umugabo kayendone... e... kaye... KAYONDE Enoki ngo waba waramututse (rire) nkaho yamuregeye parquet. KAYONDE Enoki rero rero twari... naramwegereye ndavuga nti KAYONDE Enoki ko KAVARUGANDA amu... akurega ko wamuteye... ko... ko wamutunze urutoki, nti byagenze gute? Ati "mu by'ukuri igihe nibuka" ati "ni uko nari mvuye muri Ministère ya Finances, noneho tumanuka mu modoka nereka umuntu twari kumwe mu modoka mvuga nti kano kazu gatoya KAVARUGANDA akoreramo uwahagura akahubaka inzu nini ingana n'iya Finances, noneho" ati "uwo twari kumwe arambwira" ati "ariko wagura na Ministère y'Ubuhinzi n'Ubworozi hepfo, ikorera hepfo y'aho" ati "kugira ngo uhagire parking". Ati "ngibyo ibintu twavuze, ariko KAVARUGANDA yahise abifata" ngo ee... ngo "Interahamwe" ngo "zirashaka kumwica".

Muri make rero, ibaruwa ya KAVARUGANDA Yozefu yanditse mu gihutu, ni ko akunda kubyivugira, ni uko akunda kubyivugira, ni iyo guteza ubwega gusa bitewe n'ubwoba.

MUGENZI Yusitini Président w'ishyaka PL yavuze... yavugiye kuri Stade régional i Nyamirambo

ko “abagambanira Repubulika bazabona,

29.8

ishyano”. Ishyano rero si ugupfa hari no guhora ufite ubwoba nk’ubwa KAVARUGANDA na Madamu UWILINGIYIMANA Agata.

Umutekano si muke kuri ibyo bikomerezwa gusa. Umutekano ni muke no ku bantu basanzwe cyane cyane noneho dore byageze no mu banyamakuru. Muri selile Nyakabanda ee... selile Nyakabanda Komine Kicukiro, Préfecture y’Umugi wa Kigali, kwa wa munyamakuru Thomasi ka... KABONABAKE...

( FIN DE LA FACE A ).



Orateur : HABIMANA Kantano.

... teye, bahateye grenades ebyeri, imwe ntiyaturika indi iraturika ikomeretsa abantu benshi. Ikomeretsa abantu benshi eee... hanyuma iby'Imana ee... KABONABAKE wari muri... mu kaba... muri ako kabari ke aza ku... kurusimbuka, aryama hasi noneho ibintu byagombaga kumukomeretsa bimunyura hejuru noneho ahaguruka ari muzima, yaranacumbagiraga ahubwo yaranavunitse hambere aha, iyo yongera noneho ku... iyo hajyamo éclats byari birangiye. Ni uko rero abo babisha bahise biruka, bari ku modoka itagira plaques ariko isa neza neza n'iyateye grenade uwo Conseiller wa Segiteri Gitega.

Ibyo ari byo byose KAVARUGANDA ku itariki ya makumyabiri na gatatu z'ukwa gatatu mirongo cyenda na kane, yari yaragejeje itangazo kuri Radiyo RTLM ( arakoroye) uhum ! Mumbabarire, icyo gihe yavugaga y'uko abashaka... ( arakoroye) abashaka kumwica ko yabamenye kandi ko ari bamwe mu baturanyi be bafatanyije na caporal, murumuna wa kagi... wa Nyakwigendera Sergent-major MUNYEMPAZI, bati mu... ati "rero muri abo ngabo" ati "rwose hari uwitwa MULIHIRA, Bwana MULIHIRA akaba ayobora CCDFP y'i Remera ku Kacyiru" ati ku buryo... "ku buryo yatse n'amafaranga nako yagiye gukoresha imodoka abeshya abeshya yaka abantu amafaranga ngo agiye gukoresha imodoka A mirongo irindwi n'icyenda mirongo ine na gatanu ya CCDFP, ariko atari yo agiye gukoresha ahubwo ashi... yishakira "amafaranga" yo kugira ngo abone ayo guhamba abazagandagura KABONABAKE".

Hanyuma ikintu na none mu itangazo yaravugaga ati "ibyho ari byo byose, maze kumenya y'uko maze gutanga itangazo kuri RTLM Bwana mulihi... MULIHIRA, yatelefonye Depite KABAGENI Venansiya, Diricabinet... atelefona Diricabinet wa Lando witwa MUGIRANEZA Visenti, atelefona KAYIRANGA Ezira, atelefona KALINGANE utwara imodoka ya UNICEF na MUDENGE utwara MULIHIRA, ababaza uko abyifatamo kubera umugambi wabo wari umaze gutahurwa. Ibyo bamushubije ngo ntiyabimenye neza. Ikindi ni uko uretse abo ngabo nyine ee... yari yavuze mu itangazo ryo kuri makumyabiri na gatatu z'ukwa gatatu mirongo cyenda na kane, hiyongeragaho n'"abajenese" ba... ba Parti libéral harimwo uwitwa hussei... Hussein utuye i Kanombe, harimwo RWABUHUNGU, harimo Claude utuye hafi ya SGP i Remera muri

Nyakabanda, na NGIRUNKUNDA ukora muri Hôtel ya Lando.

Hanyuma rero ee... yadusabaga y'uko twakwamagana abo bantu bacura imigambi yo kumena amaraso y'inzirakarengane. Kandi none koko ejobundi ni ko byagenze. Ibyo ari byo byose KABONABAKE we yaravugaga ati "ibuye ryamenyekanye ntiriba rikishe isuka". Ati "KABONABAKE n'abe bese na bo bakomeje kuba maso ijoro n'amanya". Ni ukongerana na none kuba maso kuko umwanzi ntahuga, umwanzi ntahuga, ee... we KABONABAKE yaravugaga ati "ibyo ari byo byose MULHIRA Eugène uyobora CCDFP i Remera ukomoka i Gashora, afatanije n'Inkotanyi zisigaye zisohoka muri C... CND zambaye civil, hum, zikomeje kugandura... e... kugandagura KABONABAKE ati "abo bese ni bo nzaba nzize".

#### 4.8

Birumvikana rero abantu bakora imigambi yo kugambana no kumena amaraso abo bantu ndakeka yuko bashatse uwo mugambi bawureka kuko ndakeka y'uko na bo ibyo ari byo byose bava amaraso.

Undi rero na none uvuza induru, undi utabaza ni umugabo witwa BIKINDI Simoni. BIKINDI Simoni rero na we ageze hano avuga ati "Kantano ntabwo ndabona ibintu bikomeye, ibintu bikomeye kubera ko hari abantu ibyo ari byo byose bashaka kumpitana. icyo banshakaho sinkizi, ndirimbira nta muntu nigeze ngira icyo ntwara, n'ibyo ndirimba nta wubikunda ariko hari ababikunda, ibyo ari byo byose nyewe dore uko ibintu nabibonye". Ati umugabo... "umugabo w'igikara, umuga... hari umugabo w'igikara rwose umpiga afatanyije n'abandi bagabo babiri. Mu cyumweru gishize bakaba barafashe imodoka ya Pajero bakaza iwanjye bari kumwe n'abandi bantu batazwi, bari bagiye kureba iwanjye ngo barebe aho ari ho". Ati "ndetse n'ejo ku wa gatanu bakoreye inama hano mu mujyi yo kuzuzwa u... uwo mugambi wo kumpitana". Ati "rero nyewe BIKINDI ndasaba uwo mugabo kureka uwo mugambi mubisha kuko muzi, kandi nkaba ntacyo mpfa n'uwo mugabo n'abo bandi bafatanyije. Nimumpe amahoro rero nk'uko nanjye nyabifuriza". Hum, ati "ibyo ari byo byose, nibiba ngombwa nzamutangaza kuko afite ibimenyetso si... mfite ibimenyetso simusiga yahawe n'uwo mu bo bari bafatanyije ariko ubu bakaba baratandukanye.

Aha! Nimwumve namwe rwose ! Mwumve namwe imigambi mibisha abantu bakorera abandi, abantu bakorera abandi, rwose ubu ngubu ni akumiro!

Hari umugabo rero witwa KAPALATA, KAPALATA akaba atuye ku Kimicanga, akaba ari Interahamwe we aravuga rero ati “rwose” ati “abantu bariga bikomeye uko bazangandagura uretse ko byababereye ikibazo. Ndagira ngo abo bantu ubambwirire uyu mugani y’uko agati kashinzwe n’Imana nta wugahungabanya. Ariko noneho wongereho uti bazikoraho ni imbwa ya Ntare”. Ba... ngo “bahisemo kuzantegera mu misa cyangwa se ngo mvuye mu misa dore ko numva misa chaque jour chez les pères Salésiens. Kandi abo bantu ndabazi, n’abafite abazamu ba nijoro b’Inkotanyi tumaze kubamenya”. Hum ! Rwose ee... rero nyewe KAPALATA, umunsi bangandaguye... abangandaguye ndabazi”.

Abo bantu rero bashaka kuzana ingeso yo guhora mu bantu, ndakeka y’uko ari akumiro ! Ni nk’uyu muntu na we umbwira ati “mu by’ukuri Isibo, Isibo wagira ngo ni yo ikora umugambi wo kwica abantu”. Ati “Gapyisi ajya gupfa mu Isibo byaravuzwe ko azapfa”. Ati “MUTOMBO ajya gupfa ni ko byagenze”. Ati “Léonie ajya gupfa ni ko byagenze, Isibo yarabanje iramwikoma”. Ati “KAPALATA ajya gupfa” ati “Isibo na yo yaramwikomye”,

8.0

ati “hinga nkwereke, reba mu Isibo nimeru ijana na makumyabiri na gatatu urebe ku urupapuro rwa ma... rwa gatanu”. Ati “ku byerekeye imyigaragambyo yabaye mu gihe MDR TWAGIRAMUNGU yagira ngo ikoreshe meeting ubwo TWAGIRAMUNGU Fawusitini yagira ngo akoreshe meeting hariya i Nyamirambo”. Ati “dore Sixbert arandika ngo “iyi witegereje abo bagome b’abicanyi uhereye no ku bo umuntu asanzwe azi, ntiyabura gutunga agatoki MRND n’Interahamwe hamwe na CDR, ibyo ndabivuga mpereye ku Nterahamwe zikomeye zari zihari. Nka KATUMBA w’“umusederi”yari ayoboye agatsiko kayogoje Gitega. Uwiyita MUKINGO wo mu kazu, ni we wari wafunze umuhanda wa Kimisagara n’agatsiko ke Ministre NZABONIMANA Klisiti yarimo acicikana areba uko abahungu be bahagaze”. Hein! “Interahamwe Hamuli

KAREKEZI ni we wari kumwe na ba mayibobo bateraga amabuye hafi y'umusigiti wo kwa KADHAFI. Abo bana batundwaga na tagisi ya HAKIZIMFURA Zuberi na ho Ali KITONSA abashakira amabuye". Bati "rero abantu bose Isibo yagiye itunga agatoki barapfa". Ati "rero nanjye, nanjye wanditse aha sinivuze ariko rero ndamutse ngize icyo mbaye bikabazwa Isibo kuko abantu bose itunze agatoki turabona nta we ubaho".

Ibyo rero na none murabona y'uko ari akaga, abantu bafite ubwoba. Abantu bafite ubwoba nk'uyu mugabo na we w'umunyamakuru witwa RWEMARIKA Frederiko, RWEMARIKA Frederiko akaba ari umukozi ukora muri Télévision. Yandikiye Préfet wa Kigali itariki ya makumyabiri n'im... n'icyenda z'ukwa gatatu mirongo icyenda na kane, avuga ati "nyabuneka Bwana Préfet ni nimuntabare njyewe biranyobeye". Ati "dore abantu biyite... biyise Abadahusha, Abadahusha ba Rwanda... ba Rwanda local, Abadahusha ba Rwanda local", ati "nawe dore ibaruwa banyandikiye". Ati "Bwana RWEMARIKA Frederiko n'uwo tubana witwa TWAGIRAYEZU Inosenti ukora muri MINICOMART", ati "dore ibaruwa batwandikiye". Ati iki... ubwo rero ni abo ngabo ba... bishyize ngo mu kantu bita "Abadahusha Rwanda local", dore uko banditse". "Ikiduteye kubandikira ni iki : kubona igihe mwakoreye, murya "amafaranga" mwenyine, andi mukaba muyasangira n'Abatutsi mubera mu bipango, na ba bene wanyu... naho bene SEBAHINZI tumerewe nabi. Akaba ari zo mpamvu rero tubandikiye mwembi, turabizi mufite umutungo uhagije, wowe TWAGIRAYEZU twamenye ko wari ugiye kugura moto y'ama... y'ibihumbi magana atanu, RWEMARIKA nawe wari ugiye kugura tagisi yakoze. Ni yo mpamvu rero tubateguje ko... ko... kuko turaturanye kandi tuzi neza ko ari, TWAGIRAYEZU azad... turabasaba ko twagira... nako dutegetse ko TWAGIRAYEZU adushakira ibihumbi magana abiri, RWEMARIKA akadushakira ibihumbi magana atanu mirongo itanu, niba mukunda amahoro tuzasange ahari, niba mwiyanganga tuzayabure, kandi ni... kandi"... hum! Yee bati tuzayabone"

### 11.3

bati "rero uwo muteto mwirirwa muteta ngo mwaramugaye ntabwo muzi abamugaye aho bari. Muracuruza amazahabu, za missions mu mahanga none ngo muri ibimuga. Tuzasange ayo masezerano yuzuye, tuzaza itariki itazwi neza, umunsi utazwi neza, hera none ubara iminsi 15

gusa. Wandikiwe n'ibirara bihinda... bi... bihi... bihinda ? Abadahusha ba Rwanda local".

Basinyaho umusaraba. Bon. Nimwumve namwe.

Nizere yuko kuva ku itariki ya cumi na gatanu ntabwo umenya ahari itariki itaragera, twizere y'uko abo bantu bazabata muri yombi hanyuma bikarangira ndetse n'abantu baneka..., ariko maneko zagiye he ? Maneko zagiye he ra! Abantu bakaneka bakareba abantu bibumbiye muri kariya gatsiko k'Abadahusha abo ari bo abo bantu bakabafata bakabamerera nabi.

HAKIZIMANA nta ho rero batarira nta ho batarira, ahantu hose hirya no hino barataka, hirya no hino barataka. Nta ho batarira, nta ho batarira kuko Responsable, Responsable wa... wa segi... hum! Ntaho batarira, dore n'uyu mugabo HAKIZIMANA MAKAMBO Léopold wo muri Selile Buremera, Segiteri Nanga, Komine Karago na we ararira aravuga ati "rwose muntabare munkize uyu muntu uyu muntu witwa KANYOVE hum, ati "atuye imbere y'iwanjye, aranyibasiye arashaka kunyica anziza umutungo mfite, ndetse ngo sinatuye muri bene wacu. Ku itariki makumyabiri n'enye z'ukwa gatatu mirongo icyenda na kane, yari angandaguye mukizwa n'abaturage, ansanze kwa BERUYE Emmanuel nimugoroba dufata agatama. Rwose ni akumiro nyjewe ndagowe ntabwo mbona uyu mugabo icyo anshakaho". None se koko uyu muntu aramushakaho iki ?

Undi muntu na we arambwira ati "rwose ntabwo byumvikana mumbarize segi... muri Segiteri Kimihurura e... Responsable GATABAZI uri mu Rugando, hepfo y'amashuli, ati "umugore we ejobundi yagabye igitero, bakubita umugore witwa MUKARULINDA n'agahinja karimo gakambakamba hafi ye, arwaye". Ati "rwose se umugore wa GATABAZI, ko ari we twari tuzi ko ari Responsable, none umugore we se ni we umutwaye umwanya" ? Hum! (Arimyoje) uru Rwanda rw'abagore ni akumiro.

Indaya z'i Matimba na zo zirarira ziti "umutekano wacu ni muke. Hari abasirikare baza nimugoroba ni uko wajya kubona ukabona arahennye simoku, akwigije ku... ku rubaraza, hum" ! Wavuga uti ahubwo se ndebera n'ay'amakara, akagufata ku munwa ni uko, ubwo ni uko ukaba ee... urumiwe". Ati rwose ibi bintu ni ibiki"?

Ariko rero abo basirikare bakora ibyo, mbibutse y'uko kufata umuntu ku ngufu nubwo yaba ari indaya, hum, indaya ifite umubiri wayo yicungaho, ikaba yawucuruza cyangwa se ikawuha uwo isha...e... uwo ishaka, kuyi... kuyifata rero ukayigundira mutumvikanye, ibyo bintu bishobora kubaviramo ibyaha bikomeye, indaya iba ifite ukuntu yi... yishakashakira udufaranga ntabwo rero iba ishaka y'uko hari uwayi... hari uwayihutaza.

14.7

Henga mukurangiza, mbaze abarara amarondo mu Nyakabanda. Umugabo witwa KAYIBANDA twahuye arambwira ati "rwose abantu barara amarondo mu Nyakabanda bamereye nabi. Baraye bantwaye amafranga magana abiri", ati "uwitwa FUPI n'uwitwa KOLIMBA ni bo bayajyanye. Ko ndi umukarani, utwo dufaranga nkaba nari ndukoreye ngiye kuturarira, ubu ngubu rwose ndamera nte" ?

Maze rero abantu bafite umugambi wo kwica abandi, bafite umugambi wo kumena amaraso, abo bose hinga mbature iyi ndirimbo. (Aritsamuye).

... mwese mukomere. Ubu ni umwanya wo kubagezaho ubutumwa bwanyu, ni umwanya wo kubagezaho ubutumwa bwanyu nyuma yo kubagezaho biriya byerekeranye n'umutekano muke uri muri uyu muji. ...aa tatu, saa tatu n'iminota mirongo itatu n'itanu, saa tatu n'iminota mirongo itatu n'itanu muri situdiyo za Radiyo yigenga RTLTM ivugira hano i Kigali, mu kanya nyuma y'akaziki gato, nyuma y'akaziki gatoya, nyuma y'akaziki gatoya technicien aza kudushyiriraho, ubwo mu kanya nyine, mu ka... turumva akaziki technicien adushyiriraho hanyuma mbakomereze amatangazo yo kurangisha. Hinga twumve umuziki.

Orateur : BEMERIKI Valérie, de la RTLTM.

... rushanwa rya Kangura rigeze mu cyiciro cya kabiri. (Fond sonore) Ubu ibihembo biriyongera ubutitsa. Abanyenganda n'abikorera ku giti cyabo baduhaye byinshi mu byo tuzabahemba. Nimugure Kangura nimeru mirongo itanu n'icyenda mutwoherereze urupapuro musangamo

**Cassette n° 0190 transcrite par OL 21**

ruriho ibibazo muzaba mwasubije. Nimutubwire n'icyo mutekereza ku banyamakuru ba RTLM, mubahe amanota mukurikije uko mubumva. Banyeshuli bari mu biruhuko ntimucikwe, kugira ngo irushanwa ryanyu ryemerwe mugomba kutwoherereza impapuro eshatu zifatanye byavuye muri Kangura nimeru mirongo itanu n'umunani, Kangura nimeru mirongo itanu n'icyenda na Kangura nimeru mirongo itandatu. (Musique).

Orateur : HABIMANA Kantano,

... abumva Radiyo yigenga RTLM, abakunzi ba Radiyo yigenga RTLM mukomere, mwese mwese aho muri hose turabifuriza umunsi mwi... week end nziza, turabifuriza Pasika nziza, mwese mwese aho muri hose mukomere mukomere turabifuriza amahoro n' amahirwe.

Hanyuma rero hinga nkomeze n'amatangazo yanyu, hinga nkomeze n'amatangazo yanyu. Nari nagiyeye kumva amakuru anyuranye, amakuru anyuranye ariko iteye ubwoba ni uko..., hum! Umunyamakuru wacu NKOMATI Emmanuel ejo, umunyamakuru wacu NKOMATI Emmanuel ejo abantu baramuteze, baramuteze hanyuma agira Imana sinzi ukuntu Imana yamuvugiyemo ntiyataha, ntiyataha, hum, yirarira ku kazi hanyuma noneho abantu baramutege noneho

17.8

sinzi umuntu waje kugwa muri icyo gico, ubwo baramureba bati ni... bati ntabwo... bamutunga amasitimu uwo muntu, ni uko baramugan... baramugu... baragi... baramufata mbese barareba hose noneho barangije bati "si we", ni uko baramureka aringendera ahantu atuye hari i Gikondo.

Ndakeka rero y'uko ibi bintu by'umutekano muke utangiye mu banyamakuru hehe hose, sinzi icyo uzasiga.

Henga mbagezeho amatangazo yanyu noye... (inaudible) hanyuma hari n'utundi ee... ni utw'Inkotanyi yee, ku Gisenyi, hanyuma hari n'utundi twerekeye ishyamba CDR ryakoresheje ikiganiro mbwirwa banyamakuru, hanyuma ndabasomeramo ingingo imwe, imwe gusa, imwe gusa y'ibikubiye muri iryo tangazo, itangazo bashyize ahagaragara.

Ariko hagati aho hinga, heh, umuntu witwa emmanue... umuntu witwa Emmanuel aranshekeje mu kanya, arambwiye ati “rwose ejo ntabwo narinzi ko ari umwanya wo kubeshya, hanyuma umuntu arabeshya rwose ariko ambeshya ibintu azi ko bimbabaza, ambeshya ibintu byerekeye Rayon Sport”. Ati “yarambwiye” ati “urabizi manue... Emmanuel”, ati “ya modoka ee... Président wa Repubulika yemereye Rayon Sport”, ati “bagiye kuyifata”, ati “bagiye kuyifata ati “noneho Inkotanyi zigira ngo Président ee... arimwo arumvamwo umunyenga aherekeje abakinnyi ati “harimo na komite” (rire) ati “harimo na Kantano”, ati “ni uko ngo bayitega cya bombe”. Ati “yamaze kumbwira gutyo mpita nirukanka njya kuryama” ati “kubera agahinda n’i... n’ibintu byose”, ati “none” ati “rwose” ati “ubu ni bwo nkivu... nkibyuka naraye ndose nabi” ati “mu gitondo ni ho yaje kumbwira ko yambeshyaga”. Ati “kandi naraye nabi”, (arimyoje) ati ndumiwe! Ati ari !... muzabwire rwose ababeshya bajye babeshya ibintu bifatika”, ati “be kujya babeshya ibintu bi... bica intege bigakura umutima”.

Hum ! Ati “noneho rero rwose mukugira ngo bimpoze ako gahinda kose nararanye”, ati “nsuhuriza MUSONI Jean-Baptiste uri ku Kicukiro akaba yitwa TIGANA, ati unsuhurize RUTAZIHANA Anastase wo muri Kanto ya Nyanza”, hum, ati “no kubera na... kurara nabi” ati “rwose na rendez-vous wari u... twari dufitanye yapfuye”. Ati “MUKAYIRERE Mariya na muga... MUGANWA, MUGANWA di... Dismase nako Diyonizi uri i Kigoma, TWAGIRAMUNGU Eric ee... ukora kwa RYANGOMBE i Nyamirambo, hanyuma n’IYAMUREMYE Yasoni uri... i Gatagara. (Rire)

Emmanuel rero ni ukujya umenya itariki ya mbere yo kubeshya, ubundi yavuye i Burayi naba ari mu Burayi hehe, abantu bamwe babifata gutyo, barababeshya nyine bikomeye. (Arimyoje). Ubwo rero ubutaha ntimuzajye mwishinga ibyo binyoma.

Mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali, mu kanya turareba aya makuru yo ku Gisenyi hanyuma turebe kuri iyi week-end, hari abajya kubyina muri za boom, ariko kandi ntimwibagirwe ko hari n’imipira, hari n’imipira, iteganyijwe mu kanya turayivugaho turebe uko imeze. (Un peu de musique).



## 21.2

... ati “umenya zigiyeye ku... kutugandagura nta wabimenya”, ati fils BISENGIMANA wari ucumbitse muri Hôtel IzubaMéri dien, appartement... yari afite appartement yose magana atatu na cumi na gatandatu, magana atatu na cumi n’umunani tariki ya makumyabiri n’icyenda z’ukwa gatatu, ni ejobundi, yatelefonye bene wabo baba mu Burundi ababwira ko “umuji wa Gisenyi bamaze kuwugota, ahasigaye akaba ari ukwica abatavuga rumwe na FPR”. Hum! Nguko rero uko inkuru ee... iza. Ni uko noneho baravugaga bati “Banyagisenyi rero”, hum, “ni ukuryamira amajanja, kubera ko ubwo ngubwo mu migambi koko bashobora kuba bafite...”. Hum, bati “cyakora turasaba Directeur wa Hôtel Méridien kutubwira, kutubwira yenda izo nama bakorera aho ngaho icyo ziba zigamije”, hum, ati “n’abakozi benshi afite ni abavuye muri Goma muri Zaïre”, ati “ntabwo tuzi neza uko ibyo bintu bimeze”.

Ati na none hari umuntu witwa Solange ukomoka i Bibwe muri Zaïre, hein ati “ubu rero akoresha amanama y’ubutitsa afatanyije n’umugabo wigisha muri Saint Fidèle” ati “hano ama... amanama akorerwa... hnun... ya... ati “akorerwa mu nzu iwe, ku buryo nimeru za telefone zose”, ati “z’Abahutu batariye umuji wa Gisenyi zamaze kwandikwa”, hum, ngo “na n’ubu izabuze zika... zikaba zikibaririzwa”. Hum! Ati “turabasaba kuba maso kuko agahishe mu nzu ya Solange ari injyanamuntu”, ati “muramenye kandi mwitondere kariya gatsiko kagizwe na TABARO Modeste, SEMUCYO, SEMUKANYA Jean-Marie Vianney, ruka... RUKAZABIGUNDA na NZIGIYIMANA Gilbert”, hum, “kuko ku mugambi wabo watahuwe, ubundi ibuye ryamenyekanye ntabwo ryica isuka”.

Hanyuma noneho (rire) umugabo rero bita KILINGITI na we, umugabo bita KILINGITI na we duhuriye hano hasi, ati “Kantano biratangaje kumva uvuga ko nashatse kwica KABONABAKE, nti ndarengana soma ibyanditse, ati “rwose nkaba ntarica n’inkoko”, ati “hanyuma se niba nshaka kwica KABONABAKE nabanje nkica abandashe, abandashe ubushize”. Ati “cyakora rero” ati “icyo ntahakana ni uko ndi Inkotanyi”, ati “ubundi se wagira ngo mbe iki”? Hum! Ati “abantu barandashe, iki”, ati “abo ngabo nka... ni... nda... nshatse kwica ni bo nakwica, ati “ariko bose

baraho”, ati “Imana izabafashe”. Ati “ariko rwose mu bishe kabona... mu bashaka kwica KABONABAKE ati “rwose ntabwo ndimo”, ati “twahuriye Arusha turaganira gusa, nibereye hamwe n’Inkotanyi” ati “ariko ntabwo twigeze... nigeze mvuga na gato y’uko namwica. Ati ubwo rero abari mu wundi mu... abari mu mugambi ni abandi”, ati “ntabwo ari KILINGITI uri muri uwo mugambi.

Ariko se abantu bari mu migambi yo kwica abandi koko, ibintu rwose babiretse mwokagira Imana mwe, ubu ngubu iki gihugu cyacu abantu bitaga paradizo y’“Afrika” kigiye kuba noneho Sodoma na Gomora! Ni akumiro, ibi bintu rwose ni akaga !

### 24.3

Abantu basenga, ejo muzasenge cyane kuri Pasika, musenge cyane, musengere abantu bafite umutima mubi, ari Inkotanyi zishaka kumara abo zitavuga rumwe kugira ngo zitegeke iki gihugu ku ngufu, ari abandi bose bafite umutima wose wo kwihorera, abo bose rwose Imana izabafashe hanyuma bareke gukora amahano.

Mukomeje kumva Radiyo yigenga RTL M ivugira hano i Kigali, mu kanya saa sita e... mu kanya saa... saa mu kanya mu minota... mu minota irindwi biraba bibaye saa sita, mu minota irindwi nako itandatu biraba bibaye saa sita. Ubwo rero saa sita ubundi ubusanzwe icyo mu nda kiba gishaka icyo mu nkono, (rire) ni yo mpamvu rero saa sita dufunga ibyuma byacu. Ariko rero ku batekereza kuri week-end, mbibutse y’uko hari umupira, hari umupira w’amaguru uhuza Kiyovu na STIR, uhuza Kiyovu na STIR, Kiyovu rero aho yatsindiwe mu i... mu irushanwa, Kiyovu aho yakatsindiwe mu irushanwa ubu ngubu yatangiye kugira... abantu baribaza ese Kiyovu iracyari ya yindi, yaracitsemu kabiri. Byagenze gute kuva aho Aloys asezeraye ? Abantu rero bategereje kureba uko ibintu bimeze, hanyuma abandi bati “STIR ese mama iracyabaho? Amacenga yayo yagiye he ? Bite? Bimeze bite ? Hum, KANAMUGIRE Aloys umenya ngo ari we “uyantrena”, bigenze gute ? Ni uko, ugasanga nyine abantu bibaza, abantu bakunda umupira. Abantu rero bakunda umupira ntimucikwe kuri Stade Amahoro, kuri Stade Amahoro kuko ni ho ayo makipe yombi e... STIR iza guhura na... na... ee... na... na Kiyovu Sport mu rwego rw’umupira witwa

“Joban round”, Joban round rero ikaba yaratunganyijwe na... ikaba yarateguwe na “Parteners international na Joban Putras group”. Hanyuma ifatanyije na FERWAFWA kugira ngo bateze umupira imbere, noneho bakora tournoi y’amakipe umunani, ayo makipe rero umunani hum, ayo makipe umunani azagenda ahura hanyuma noneho ku buryo équipe izaba iya mbere izakina finale igatsinda izatwara mini-busi... ya miliyoni eshatu n’ibihumbi magana atanu na makumyabiri. Abantu rero batangiye kuvuga ngo ariko se aba... aba Rayon sport rero ni bo bavuga bati “rwose Rayon Sport ni twe tuzayitwara”, ati “hanyuma, ni uko”, urasanga rero abantu biratana. Kugira ngo rero mu by’ukuri e... ah! Ndabona ni équipes zo... na... do... kugira ngo abantu nyine beregukomeza kwi... kwiratanaho, hein! Birashoboka ko Rayon sport kuko muri iki gihe koko ari yo iri imbere ishobora kugitwara, ariko rero burya n’amakipe yo mu gihugu yinyaye mu isunzu, cyane cyane ko ari tournoi imara akanya gato, buriya yagitwara da! Yagitwara gato ahubwo byatuma na Rayon sport na yo yikubita agashyi ikamenya uko imeze. Ubu rero amakipe mato rwose azagerageze ku... guca agahigo, Rayon sport ye kubona imodoka ebyiri zose, izatwara inini ya Président wa Repubulika ariko noneho bayereke ko na yo bayirwa isataburenge.

27.4

Byatuma yikubita agashyi na yo noneho ikazamuka. Uzi nk’ubu nka Flash iyigaraguye, hein, yavugaga iti eh, eh, eh niveau yaguye! Noneho bigatuma Arbitre nako Entraîneur avugaga ati hah, hinga ndebe ukuntu byagenda.

Twebwe rero kugi... ku gipande cy’abafana, hinga tujye tureba iriya mipira buri muni, nako uko yabaye noneho uko yabaye rero tuyirebe, noneho nitumara kuyireba dushakemo abakinnyi batatu, abakinnyi batatu mu myanya itatu abatsinda, abo hagati, n’abinyuma. Hanyuma noneho tuzashakemo umukinnyi wa mbere koko wa kabutindi mu makipe yose, hanyuma mu... mu batsinda umukinnyi wa kabiri mu ba...e... nako umukinnyi umeze neza mu... muri distribution hagati, hanyuma n’umukinnyi uri mu ba... na none inyuma wugarira neza, noneho abo ngabo kuri opération tuzakora RTLM na Joban round e... nitumara kubona abayobora iryo... iyo... abashyinzwe iyo tournoi, hanyuma noneho muzajye mwandikira RTLM ubwo muyibwire umukinnyi mwabonye umeze neza, hanyuma tuzateranye ku buryo uzahe... uzaba uwa mbere nako

uzagenda... abazajya bahuriza ku mukinnyi mwiza w'imbere. Tuzakora tombola, uzatomborwamo tumuhe radiyo, hari abantu bavuga ko bazamuha radiyo. Uza... abazahuriza ku mukinnyi mwiza, ni uko nk'abantu igihumbi nibahuriza ku mukinnyi mwiza wo hagati tuzatomboza na bwo dukuremo umwe hanyuma noneho na we abone radiyo. Uzah... abazahuriza ku mukinnyi mwiza w'inyuma wugarira neza, na bo ubwo ngubwo tuzahuriza... tuza... na none twongere tumuhurizeho a... dutomboze uwa... umwe abone radiyo. Urumva y'uko hari abakinyi ba... batatu.

Ubwo rero murumva y'uko namwe mubonye akanya ko kuba mwabona radiyo, kandi kubera kujya kureba umupira gusa. Mutangire rero murebe umupira, uyu munsu hari STIR na kiyo... Kiyovu, turebe aho ayo makipe yacu ageze, turebe aho umupira w'amaguru ugeze.

Mu kanya rero nababwiraga itangazo ry'ishyaka CDR, CDR rero yakoresheje ikiganiro mbwirwa banyamakuru, ikiganiro mbwirwa banyamakuru. Ariko rero kubera ko iri tangazo ritishyuye hinga nso... mbabwire gusa utuntu dukeya muyo CDR yavuze. Yavuze iti "ku byerekeye ishyirwaho ry'Inzego z'Inzibacyuho, ishyaka CDR rirageza ku baturarwanda ibi bikurikira : FPR n'abambari bayo bari muri PSD n'abantu bamwe ku giti cyabo, ari bo Madamu UWILINGIYIMANA Agata, TWAGIRAMUNGU Fawusitini: MDR, NAYINZIRA Népomuscène: PDC na NDASINGWA Landuwaridi wo mu ishyaka PL-ntutsi, FPR ikoresha abo bantu bishakira ubutegetsu ku giti cyabo kugira ngo ishake uburyo yakwigarurira ubutegetsu muri Guverinoma no mu Nteko Ishinga Amategeko by'Inzibacyuho. Ni yo mpamvu baremye agatsiko ko kubuza abadahuje na bo ibitekerezo kujya mu butegetsu by'Inzibacyuho.

30.3

Hanyuma rero ku byerekeye umutekano muke uri mu gihugu, ishyaka CDR riramagana Guverinoma iriho, ubu yanze gukora akazi kayo kugira ngo irengere umutekano w'abaturage. Ati "ikibabaje ahubwo ni uko Ministre w'Intebe Madame UWILINGIYIMANA Agata yishyize mu maboko ya FPR, kandi azi neza ko ari yo yashoze intambara yazanye ibyago bitagira ingano, cyane cyane ubwicanyi bw'inzirakarengane". Mu magambo make rero ee... nibyo CDR yavuze,

**Cassette n° 0190 transcribe par OL 27**

ariko bikubiye mu ngingo... mu ngingo eshanu, sinazisoma zose kuko itangazo ubundi ryagombye kuriha "amafranga". Mu kanya rero ndabasomera itangazo ribika ryihutirwa ritugezeho nonaha hanyuma dufunge ibyuma byacu, (sous fond sonore) hanyuma ubwo ngubwo turaza kubonana ku mugoroba.

( FIN DE LA FACE B ).